RGB
Rwanda Governance Boar

# BIMWE MU BIBAZO BYIBAZWA KU IGENZURA RY'AHASENGERWA

**1.Kuki mufunga insengero n'amatorero kandi Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemera ubwisanzure mu gusenga n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe?**

Nibyo itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemera ubwisanzure mu gusenga mu ngingo yaryo ya 37. Bityo rero, nta muntu wabuza abantu gusenga. Ahubwo basabwa gusengera ahantu hujuje ibisabwa n'amategeko, kuko ibyo amategeko asaba bigamije kubarinda gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Hagaragaye ubwiyongere bw'insengero n'inzu zisengerwamo zikora mu buryo bushobora gushyira ubuzima bw'abantu mu kaga. Hanagaragaye izamuka ry'abavugabutumwa bambura abantu amafaranga n'imitungo babizeza ibitangaza, abandi bagamije kubacamo ibice, n'abashishikariza abayoboke babo imyitwarire mibi nko kudakingirwa n'izindi nyigisho zishingiye ku binyoma.

Leta mu ngamba zo kurengera umutekano w'abaturage, yakoze igenzura ku rwego rw'igihugu mu nzu zisengerwamo. Igenzura ryagaragaje ko nyinshi muri zo zidafite ibyangombwa bihagije, zidakurikiza amabwiriza n'amategeko y'imyubakire, umutekano, isuku n'ubugenzuzi bw'imari cyangwa izindi nyungu z'abazisengeramo. Izo nzu nyinshi zafunzwe kubera kutubahiriza ayo mategeko.

**2.Ibikorwa by'igenzura bigeze he? Kugeza ubu hamaze gufungwa insengero zingahe?**

Kugeza ubu, inzu zisengerwamo zirenga 14,000 ziri mu gihugu hose nizo zimaze kugenzurwa. Muri zo, izisaga 8,000 (ni ukuvuga 70%) zasanzwe zitujuje ibisabwa zirafungwa. Igenzura riracyakomeje kugira ngo inzu zose zisengerwamo zihuzwe n'ibiteganywa n'amategeko.

Gufunga inzu isengerwamo/urusengero ntibivuze ko itorero ryose urwo rusengero/insengero zibarizwamo ziba zifunze keretse iyo RGB yambuye umuryango icyemezo cy' ubuzimagatozi.

## 3.Ni ibiki byagendeweho mu gikorwa cyo kugenzura ahasengerwa?

Ibigenderwaho ni ibi bikurikira:

- Icyangombwa cy'Ubuzimagatozi gitangwa na RGB
- Icyemezo cy'imikoranire n'akarere mu gihe hafunguwe ishami
- Kuba umuyobozi afite impamyabumenyi mu by'Iyobokamana "Theologie" (Ibi bireba gusa abigisha bari ku nzego zifite izindi zikuriye)
- Urusengero rukorera mu nyubako yarwo
- Inyubako y' Urusengero kuba yujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko agenga Imiturire y'aho ruherereye birimo:
    - Kuba itari hangari kandi itari ihema
    - Kuba atari inyubako ikorerwamo ibindi
    - Kuba ifite ubwiherero, uburyo bwo kurinda urusaku, umwanya uhagije w'imodoka aho biri ngombwa,
    - Kuba imbere hafite ahantu hari ubuhumekero
    - Kuba ifite umurindankuba, amazi, urukarabiro, n'ibindi basanga ari ngombwa.

## 4.Kuki ibisabwa ku nzu zisengerwamo mu gihugu hose bisa kandi imitere y'ahantu n'ubuzima babayemo bitandukanye?

Ibyo inzu zisengerwamo zisabwa kuba byujuje byagenwe harebwa ibikenewe by'ibanze mu kubungabunga ituze, umutekano, n'ubuzima bwiza by'abazikoreramo. Ibi ni uburenganzira bw'Umunyarwanda aho ari hose mu gihugu.

## 5.Ese koko buri hantu hasengerwa hagomba kuba hapima igice cya Hegitari byibura kandi hafite aho guhagarika ibinyabiziga (parking) hagari?

Ahasengerwa hakwiye kuba hubahirije imyubakire yaho haherereye kandi hari inzira n'imbuga ituma babona ubutabazi naho imodoka z'ubutabazi zanyura igihe bibaye ngombwa. Umutekano w'abantu ni ingenzi aho bari hose.

RGB
Rwanda Governance Boar

**6.Ese abanyamadini baba baramenyeshejwe ko hazakorwa igenzura n' ibizagenderwaho mu igenzura kugira ngo bitegure?**

Buri gihe habaho ibiganiro n'abayobozi b'amadini n'amatorero birimo no kubibutsa kubahiriza amategeko n'amabwiriza. Bityo rero iki gikorwa cy'igenzura ntabwo cyatunguranye. Urugero ku itariki ya 05/12/2023, RGB yagiranye inama n'abahagarariye Ihuriro ry'Imiryango Ishingiye ku Myemerere mu Rwanda (RIC) guhera ku rwego rw'igihugu kugeza ku rwego rw'akarere. Ikindi, ku itariki ya 18/05/2024, RGB yandikiye impuzamiryango z'amatorero ibasaba kugaragaza urutonde rw'imiryango iyigize n'aho ibarizwa. Ibi byose byari bigamije kwibutsa ko iyi miryango igomba gukora mu buryo bukurikije amategeko.

**7.Muri rusange, ni ibiki by'ingenzi byagaragaye mu igenzura byatumye ahasengerwa henshi hafungwa?**

Mu byagaragaye by'ingenzi harimo:

- Inyubako zitujuje ibisabwa n'amategeko y'imyubakire y'aho ziherereye
- Isuku itanoze
- Kutagira uburyo bwo kurinda urusaku
- Kutagira impamyabumenyi muri tewolojiya ku bayisabwa
- Gusengera ahandi hantu hatemewe (mu buvumo, mu mashyamba, mu migezi, mu misozi n'ahandi hatagenewe gusengera)
- Kutagira icyemezo cya RGB kibemerera gukora nk'itorero
- Kutagira icyemezo cy'imikorere n'imikoranire n'akarere aho bikenewe

**8.Mubona ari iki gitera ubwinshi bw'insengero zitujuje ibisabwa ku buryo bitera ikibazo gihagurutsa inzego nkuru z'Igihugu?**

Zimwe muri izi mpamvu harimo kuba hari abashinga insengero batagamije ibikorwa byo kwigisha iby'iyobokamana ahubwo bagamije inyungu zabo bwite zirimo gushaka amafaranga n'imitungo bivuye mu baturage, kwigisha inyigisho ziyobya, n'ibindi. Hari bamwe mu bigisha bagize amatorero ubucuruzi ntibite ku ngamba zo kurengera umutekano w'abantu baza gusenga.

Rwanda Governance Boar

**9.Ese hari uburyo bwo kujurira umuntu aramutse atanyuzwe n'impamvu zo gufungirwa urusengero?**

Yego, ageza ubusabe bwe ku nzego zimwegereye agaragaza ko yujuje ibisabwa, bigasuzumwa n'inzego zibishinzwe, ubundi agahabwa igisubizo.

**10.Ese abakora ivugabutumwa banyuze mu itangazamakuru bo ntabyo basabwa kubahiriza?**

Bamwe mu bakora ivugabutumwa banyuze mu itangazamakuru babikora batanditse akenshi bagatanga n'inyigisho ziyobya abaturage. Aha birakwiye ko abayobozi b'ibitangazamakuru bajya bashishoza mu gutanga umwanya n'urubuga rw'izi nyigisho. Birumvikana ko rero nabo basabwa kubahiriza amategeko.

**11.Ese mubona mute ubufatanye bw'abanyamadini n'inzego za leta muri iki kibazo cy'ifungwa ry'ahasengerwa?**

Kugeza ubu, ubufatanye bw'abanyamadini n'inzego za Leta bumeze neza kuko abayobozi b'amadini bafite ubushake bwo gukemura ibitagenda. Tukaba tubasaba no gufata ingamba zihoraho no kujya bisuzuma mu rwego rwo kubahiriza amategeko.

**12.Ese mwatanze igihe gihagije ku bantu basabwa kugira impamyabumenyi mu by'iyobokamana ngo bayigereho?**

Itegeko rigenga imiryango ishingiye kumyemerere ryateganyije imyaka itanu kugira ngo abifuza kwiga iby'iyibokamana bige, icyo gihe cyarangiye muri Nzeri 2023. Bityo turabashishikariza kurangiza amasomo bakabona gukomeza imirimo isaba iyo mpamyabushobozi.

**13.Mubona hakorwa iki ngo ikibazo cy'akajagari mu misengere n'amadini kibonerwe umuti urambye?**

Leta yiyemeje kurinda umutekano w'abasenga muburyo bwinshi burimo kwigisha abaturage kuba maso no kwirinda inyigisho zibayobya, gukaza ingamba n'ubugenzuzi ku mikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere, no kunoza imikorere n'imikoranire hagati ya leta n'inzego z'imiryango ishingiye ku myemerere.